



# Umunsi W'amahirwe Kuri Mugabo

Emmanuel Sibomana
Rob Owen

Kinyarwanda

African Storybook.org



Mugabo yari akeneye umwenda w'ishuri mushya. Se amujyana ku isoko.



Mugabo ageze ku isoko yabonye umuhungu wambaye ishati nziza. Mugabo ayibonye ahita ayitangarira ati, "Iriya shati ni nziza cyane."



Nuko Mugabo aravuga ati, "Iyaba nari mfite ishati nk'iy'uriya muhungu."



Arongera ati, "Dore uriya mugore arimo aracuruza amashati ameze nka yo." Yungamo ati, "Data rwose ngurira imwe muri yo."




Ise aramubwira ati, "Mugabo, ngomba kugura umwenda wawe w'ishuri."




Ati, "Nta mafaranga ahagije mfite yo kugura iriya shati."



Se wa Mugabo yishyura umwenda w'ishuri. Bamusubije asigaye aratangara. Ayo bamugaruriye yari ahagije kugira ngo agurire Mugabo ya shati.



Ni u munsi w'amahirwe kuri Mugabo! Arahitamo iyi he shati?

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Umunsi W'amahirwe Kuri Mugabo

**Author** - Adelheid Marie Bwire
**Translation** - Emmanuel Sibomana
**Illustration** - Rob Owen
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First sentences

© African Storybook Initiative and Molteno Institute 2014
Creative Commons: Attribution 3.0
**Source** www.africanstorybook.org